

# Ifishi F - Gahunda ya Ryan White Igice B

## Amabwiriza yo Gusaba



**Porogaramu ya Ryan White Igice cya B ifasha abantu bafite ubukene batuye muri Leta ya Maine babana na virusi itera HIV/AIDS.**

<p><b>Koresha iyi fomu usaba ubufasha bwo kwishyura amafaranga y'ubwisungane bwa MaineCare.</b></p>	<p>Ubufasha bwo kwishyura amafaranga ya MaineCare buboneka ku bantu bafite agakoko gatera HIV/AIDS bujuje ibi bikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>• batuye muri Leta ya Maine;</li> <li>• binjiza muni ya 250% by'urwego rw'ubukene rwashyizweho na leta ya Amerika (<a href="https://aspe.hhs.gov/poverty-guidelines">https://aspe.hhs.gov/poverty-guidelines</a>); KANDI</li> <li>• batabasha kubona ubundi bufasha ahandi hose.</li> </ul>
<p><b>Ibisabwa kugira ngo usabe:</b></p>	<ul style="list-style-type: none"> <li>• Uzuza ifishi y'urupapuro 1</li> <li>• Ifatabuguzi ryawe rya MaineCare</li> </ul>
<p><b>Uburyo bwo gusaba:</b></p>	<ul style="list-style-type: none"> <li>• Ohereza iyi fomu wuzuye hamwe n'ifatabuguzi rya MaineCare kuri: <b>Maine Ryan White Program</b> <b>40 State House Station</b> <b>Augusta, ME 04330</b> <b>cyangwa</b> <b>Fax: (207) 287-3498</b></li> </ul>
<p><b>Ni ibiki bikurikiraho?</b></p>	<ul style="list-style-type: none"> <li>• Uzuza ifishi neza kandi usobanutse. Ntidushobora gutunganya porogaramu zifite amakuru yabuze. (Indangamuntu yawe Ryan numero imwe ya DHS ukoresha kuri ADAP.)</li> <li>• Iyo tumaze kwakira dosiye yuzuye, uzahabwa ibaruwa ikumenyesha niba ubwishyu bwemejwe cyangwa bwanze.</li> <li>• Nyamuneka teganya iminsi y'akazi icumi kugira ngo ubusabe bwawe bube bwatunganijwe. Niwaba utatwumviseho mu minsi y'akazi icumi, nyamuneka uduhamagare.</li> </ul>
<p><b>Ukeneye ubufasha kuri iyi fomu</b></p>	<ul style="list-style-type: none"> <li>• Telefoni: (207) 287-3747. Abakoresha TTY bahamagara Maine Relay kuri 711</li> <li>• Fax: (207) 287-3498</li> <li>• Imeri: <a href="mailto:RyanWhitePartB.DHHS@maine.gov">RyanWhitePartB.DHHS@maine.gov</a></li> </ul>

Dukurikije itegeko rya 22 MRS §15, umuntu wese ushyikirije ubuyobozi inyandiko zirimo amakuru y'ibinyoma cyangwa inyandiko mpimbano agamije kubona ubufasha, ashobora gukurikiranwa n'inkiko za Leta ya Maine ndetse agasabwa gusubiza amafaranga yakoreshejwe cyangwa gutanga andi bihwaye na cyo.

## Minisiteri y'ubuzima na serivisi zihabwa abantu muri Maine ITANGAZO RY'UBURINGANIRE N'UBWUZUZANYE

---

Minisiteri y'Ubuzima n'Imibereho Myiza y'Abaturage (DHHS) ntirobanura ku buryo ubwo ari bwo bwose bushingiye ku bumuga, ubwoko, ibara ry'uruho, igitsina, imyemerere y'igitsinagabo cyangwa igitsinagore, imitekerereze ku mibonano mpuzabitsina, imyaka, inkomoko, imyemerere ya politiki cyangwa iy'idini, inkomoko y'umuryango, uko umuntu abayeho mu muryango (cyangwa uko yashakanye), amakuru yerekeye intanga (genetics), uko ajyanye n'abandi bantu, kuba yarigeze gusaba uburenganzira cyangwa yigeze gutanga ikirego, cyangwa ibikorwa byo gutanga amakuru mu ibanga, haba mu kwakira cyangwa guhabwa serivisi, cyangwa mu mikorere y'amabwiriza, gahunda, serivisi, cyangwa ibikorwa byayo, cyangwa mu mikoreshereze y'abakozi no mu kubashaka. Iri tangazo ritangwa nkuko bisabwa kandi hakurikijwe Umutwe wa II w'itegeko ry'Abanyamerika bafite ubumuga ryo mu 1990 ("ADA"); Umutwe wa VI w'itegeko ryerekeye uburenganzira bwa muntu ryo mu 1964, nk'uko ryavuguruwe; Ingingo ya 504 y'itegeko ryerekeye gusubiza mu buzima busanzwe ryo mu 1973, nk'uko ryavuguruwe; Itegeko rivangura imyaka ryo mu 1975; Umutwe IX w'ivugurura ry'uburezi ryo mu 1972; Ingingo ya 1557 y'itegeko ryita ku bikenerwa; itegeko ryerekeye uburenganzira bwa muntu; Iteka nyobozi ryerekeye Leta ya Maine Amasezerano ya Serivisi; n'andi mategeko yose abuzira ivangura. Ibibazo, impungenge, ibirego, cyangwa ibisabwa by'inyongera ku itegeko rya ADA n'imikorere yo gushaka cyangwa gukoresha abakozi bishobora koherezwa ku bashinzwe gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya ADA/EEO muri DHHS kuri 11 State House Station, Augusta, Maine 04333-0011; 207-287-4289 (V); 207-287-1871 (V); cyangwa ukoreshe Maine Relay 711 (TTY). Ibibazo, impungenge, ibirego, cyangwa ibisabwa by'inyongera bijyanye na ADA n'ibikorwa, gahunda, cyangwa serivisi bishobora koherezwa ku muyobozi ushinze ADA n'Uburenganzira bwa Muntu muri DHHS kuri 11 State House Station, Augusta, Maine 04333-0011; 207-287-3707 (V); Maine Relay 711 (TTY); cyangwa kuri [ADA-CivilRights.DHHS@maine.gov](mailto:ADA-CivilRights.DHHS@maine.gov). Ibirego bijyanye n'Uburenganzira bwa Muntu nabyo bishobora gutangwa ku Kigo cy'Amerika gishinzwe Ubuzima n'Imibereho Myiza y'Abaturage, Ishami ry'Uburenganzira bwa Muntu, binyuze kuri telefoni 800-368-1019 cyangwa 800-537-7697 (TDD); cyangwa byandikiwe kuri 200 Independence Avenue, SW, Room 509, HHS Building, Washington, D.C. 20201; cyangwa binyuze kuri interineta <https://ocrportal.hhs.gov/ocr/portal/lobby.jsf>. Abantu bakeneye ibikoresho byihariye bibafasha kuvugana neza muri gahunda n'ibikorwa bya DHHS barasabwa gutanga ibisobanuro ku byo bakeneye no ku byo bihitiyemo ku muyobozi ushinze ADA n'Uburenganzira bwa Muntu. Iri tangazo riboneka mu zindi format zikoreshwa, igihe byasabwe.

# Ifishi F - Gahunda ya ADAP / Ryan White Igice B

## Gusaba ubufasha kuri

### Amafaranga y'ubwisungane bwa MaineCare



#### 1. Amakuru ku Mukiliya

Amazina: \_\_\_\_\_ Ryan White ID: DHS \_\_\_\_\_

#### 2. Amakuru ku busabe

Umubare w'ubufasha usaba: \$ \_\_\_\_\_

Nimero ya MaineCare: \_\_\_\_\_

Sheki izandikwe kuri: MaineCare

Aderesi y'aho amafaranga azoherezwa: 11 High Street

Houlton, ME 04730-9970

#### 3. Umugereka

Nyamuneka shyiraho:

- Ifatabuguzi rya MaineCare rigaragaza amafaranga yishyurwa buri kwezi.

#### 4. Amasezerano y'Umukiliya

Ndasobanukiwe ko amafaranga yose yishyuwe na Porogaramu ya Ryan White Igice B agaruwe, agomba kugarurwa kuri iyo porogaramu. Amakuru yose natanze kuri iyi fomu ni ukuri.

\_\_\_\_\_

Izina ryanditse neza

\_\_\_\_\_

Umukono

\_\_\_\_\_

Itariki

Ahuzuzwa n'ubuyobozi bw'ikigo gusa:

Itariki yakiriwe:

Itariki yuzuyeho:

Itariki yinjijwemo mu bubiko:

Itariki y'iherezwa:

Byemejwe.  Ntibyemejwe. Impamvu:

Inyuguti z'amazina y'umukozi:

Iyi nyandiko yavugururwa bwa nyuma muri Mata 2023. Nyamuneka jete ubwoko bwa kera bw'iyi nyandiko.